NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI ALEXIS HABIYAMBERE UMUSHUMBA WA DIYOSEZI YA NYUNDO YASUYE INKAMBI Y' IMPUNZI YA KIZIBA

Kuri iki cyumweru tariki ya 17 Mutarama 2016, wari umunsi mpuzamahanga wo kuzirikana ku Mpunzi n'abimukira. Ni muri urwo rwego umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, Nyiricyubahiro Musenyeri Alexis HABIYAMBERE, aherekejwe n'abasaseridoti na Bamwe mu babikira ba Mariya Mutagatifu bakorera ubutumwa muri Paruwasi ya Kibuye ndetse n'abakozi ba Caritas ya Diyosezi ya Nyundo zone pastorale Kibuye, yasuye inkambi y'impunzi z'abanyekongo ya Kiziba.



Yabaturiye igitambo cya Misa aho yagarutse ku butumwa bwa Nyirubutungane Papa Fransisko bwo kubakomeza anabasaba akomeje ko badakwiye rwose kwiheba cyangwa ngo bacike intege mu ngorane z'ubuzima butoroshye barimo.

Yagize ati « *Mujye muzirikana ko Yezu Kristu na we yabaye impuzi mu gihugu cya Misiri akiri muto we n'ababyeyi be. Ariko kandi, igihe cyarageze asubira mu gihugu cye. Namwe rero ntimukwiye kwiheba cyangwa ngo mucike intege bitewe n'ubuzima bugoye murimo muri iyi nkambi ya Kiziba, ntawamenya, ighe kizagera musubire mu byanyu mwasize mwongere mubeho neza nk'uko mwahoze.* »

Mu ijambo bamugejejeho, na bo bamushimiye byimazeyo uburyo adahwema kubazirikana no kubitaho kuva bahungira mu Rwanda guhera bakigera ku Gisenyi kugeza n'ubu akibitaho kandi abasura kenshi.

Yabashyikirije imfashanyo igenewe abababaye cyane kurusha abandi muri bo (les vulnérables) bagera ku bantu ijana na makumyabiri, iyo nkunga ikaba yaratanzwe ahanini na Caritas ya za Paruwasi zigize zone pastorale Kibuye ndetse na Caritas ya Diyosezi ya Nyundo. Iyo mfashanyo ikaba igizwe n'ifu y'amasaka, isukari, kawunga, amasabune, n'ibisorori.